Kigali, le 22 JUIN 1985

N° 2690 /15.08.01

Bwana NSENGIYUMVA Emanweli
Monagri wa Komini Bicumbi
B.P. 82 KIGALI

Bwana,

Nkulikije ibarwa yawe yo kuya 16 Kamena 1985 yasabaga ko bakwandika mubazasiganwa ku magare mu rwego rw'Igihugu, ndakumenyesha ko ubwo burenganzira wagombaga kubusaba umuyobozi w'Urubyiruko na za Koperative wa Prefegitura ya KIGALI.

Ministri w'Urubyiruko no
Gutsura za Koperative
NDINDILIYIMANA Augustin
Major BEM.-

NSENGIYUMVA Emmanuel
Mohagri wa Komini Bicumbi
B.P. 82 Kigali

Bicumbi, le 14/06/1985

RUDASINGWA 26/6/1985

Répondre dire que l'intéressé s'adresse à la préfecture de Kigali. Ruhez 24/6/85

DGSL 18/6/85 4592/15/.080

Militant Ministre w'Urubyiruko
no Gutsura za Koperative

KIGALI.-

BSE 24/6/85

Mpanvu: Gusaba umukino

Militant Ministre,

Kubera isiganwa ly'amagare ryabereye i Kigali kuwa 02/06/1985 ryateguwe na Prefegitura Kigali, lyali iryo gutoranya abakinnyi 10 ba mbere bazayihagaralira mw'isiganwa lizaba mu rwego rw'igihugu mu minsi ili imbere, abakinnyi bali boherejwe na Komini Bicumbi, twageze i Kigali umukino utangiye kubera imodoka yabonetse ikerewe. Tuhageze twemerewe gukina inyuma y'umukino (hors concours), ndangiza mfite umwanya wa mbere mu magare asanzwe, muli rusange mfite uwa kalindwi, nubwo uwo mwanya wali imfabusa.

Militant Ministre, nabamenyeshaga ko mu masiganwa yandi nashoboye kujyamo nabonaga imyanya itali mibi:

- Mu'isiganwa lyabaye kuwa 12/02/1984, nabonyemo umwanya wa kabili mu magare asanzwe;
- Ilyabaye ku muhanda Kigali - Gitarama - Kigali, lyateguraga ilya Kigali - Akanyaru - Kigali, nabaye uwa 21 kandi nali mfite igare lisanzwe.

Militant Ministre, kubera uwo mwete nunva n'ubu ngifite, niyo mpanvu mbandikiye mbasaba umwanya muli ilyo siganwa lizaba mu rwego rw'igihugu.

Mbaye mbashimiye mu gihe ngitegereje igisubizo cyanyu cyiza.

NSENGIYUMVA Emmanuel.-